RPPD
By business for business

<u>Local PPD Mechanism – Meeting Report/ Raporo y' Ibiganiro (PPD) bihuza Leta n'Abikorera mu Karere</u>

| District/ AKARERE | Meeting Number/ Numero y'Inama | Topic (in 3-4 words)/ Icyigwaho | Number of Local Participants/ Abitabiriye Inama bo mu Karere | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Male/ Gabo | Female/ Gore | Total/ Bose |
| NGOMA | 5 | Amadeni Akarere gafitiye abikorera | Public/ Ubuyobozi | 4 | 3 | 7 |
| **Moderator/ Ufasha ibiganiro** | **Place of Meeting/ Aho Inama yabereye** | **Date and Time of Meeting/ Itariki n' isaha inama yabereye** | Private/ Abikorera | 37 | 7 | 44 |
| UMUTONI Angelique | Salle Polyvalante nshya y'akarere | 06/09/2016, 10h20-13h00 | Total/ Bose | 41 | 10 | 51 |

| Subject / Issue/ Ikibazo kiganirwaho | Description / Summary/ Uko ibiganiro byagenze |
|---|---|
| **Amadeni Akarere gafitiye abikorera** | Ikiganiro cya gatanu hagati y'abikorera n'ubuyobozi bw'akarere ka Ngoma, cyabereye muri Salle nshya y'akarere ka Ngoma, gitangira abitabiriye bibwirana bavuga imirenge baje baturukamo n'ikibazo baje bafite aho bagaragazaga ubwoko bw'ideni bafitiwe n'uwuribafitiye, babifashijwemo n'umufashavugiro hagamijwe kuganira baziranye. Icyo kiganiro cyatangijwe na **Bwana KAZIMIRE Juvens,** umuyobozi wa PSF mu karere ka Ngoma atanga ikaze muri icyo kiganiro ashimira abitabiriye ko bahagereye ku igihe ndetse abasaba gutanga ibitekerezo byabo mu mucyo no mu bwisanzure. Icyo kiganiro cyafunguwe ku mugaragaro na **Bwana RWIRIRIZA Jean Marie Vianney,** umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu mu karere ka Ngoma, atangaza ko yishimiye iyi gahunda y'ibiganiro bikorwa hagamijwe gukemura ibibazo bibangamiye abikorera. Ku ruhande rw'abikorera bagaragaza ko kuva mu mwaka wa 2012 kugeza ubu 2016, imyenda itandukanye bafitiwe n'akarere iteye ku buryo bukurikira:<br>1. Ideni ku nyubako y'Amashuli n'inzu ya mwalimu.<br>2. Ideni ku nyubako z'utugali.<br>3. Ideni ku nyubako za poste de sante<br>4. Ideni kubasenyewe amazu ntibabone ingurane<br>5. Ideni mu kwagura isoko rya kibungo.<br>6. Ideni E.S Mutendeli ibereyemo abikorera.<br>Ku ruhande rw'Akarere batanga ibitekerezo kuri icyo kibazo cy'Amadeni atandukanye bafitiye Abikorera, Umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe ubukungu yamaze impungenge abari aho ko mu ngengo y'imari ya 2016-2017 hashyizwemo milliyoni 33 zo kwishyura **ideni ry'abambuwe n'ikigo cy'amashuri cya Mutenderi** ko uzaba yarazanye dosiye yuzuye neza azajya ahita yishyurwa. |

RPPD
By business for business

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 2. Akarere (ishami ry'uburezi) kagomba guha PSF copy y'amabwiriza ya MINEDUC azafasha Abikorera kuzuza dosiye zabo zishyuza. | PSF n'akarere ( Ishami ry'uburezi). | Imyanzuro ikimara gusinywaho n'impande zombi |
| 2 | Ku ideni ry'inyubako z'utugari hagomba kubanza gukorwa igenzura mu tugari bityo babone raporo baheraho bamenya imyenda iri mu tugari. | Ubuyobozi bw'imirenge bugomba gukora igenzura mu tugari. | Abayobozi b'imirenge. | Mu gihe cy'ukwezi kumwe ni ukuvuga kugera 06/10/2016. |
| 3 | Ku ideni ry'abubatse Poste de Sante ntibishyurwe hagomba kubanza gukorwa igenzura kugirango hamenyekane uko ikibazo kimeze. | Ubuyobozi bw'akarere bugomba gukora igenzura mu mirenge yubatse za Poste de Sante. | Akarere | Mu gihe cy'amezi atatu ni ukuvuga kugera 06/12/2016 |
| 4 | Ku ideni ry'abasenyewe ntibahabwe ingurane hakozwe igenagaciro ariko uwarikoze ntaratangaza raporo yabyo. Abasenyewe bagomba kumenyeshwa ibyavuye muri raporo n'igihe cyo kwishyurwa. | Akarere kagomba kwibutsa uwakoze igenagaciro akihutisha gutanga raporo ndetse kakazahita gatangaza ibyavuye muri raporo kakaganiriza n'abasenyewe ku bijyanye no kubishyura. | Akarere n'uwakoze igenagaciro | Mu gihe cy'icymweru kimwe ni ukuvuga kugera 14/09/2016 |
| 5 | Ku ideni ry'abambuwe na Rwiyemezamirimo RUHUMURIZA Theobard wubakaga isoko rya Ngoma, abambuwe bagomba kugeza ikibazo cyabo ku karere nk'abaturage bambuwe, ikibazo cyabo kigakurikiranwa. | Abambuwe bazasobanura uko byagenze Akarere kabafashe gukemura icyo kibazo. | Abafitiwe amadeni n'akarere | Buri wa kane mu giti cy'ibisubizo |

| Subject / Issue/ Ikibazo kiganirwaho | Description / Summary/ Uko ibiganiro byagenze |
|---|---|
| | 2. **Ku ideni ry'inyubako y'Amashuli n'inzu ya mwalimu**, MINEDUC yohereje mafaranga bityo akaba yoherejwe mu mirenge kuko iryo deni rizwi ahubwo ko abikorera bakwegera imirenge bakoreye bakareba ko dosiye zabo zuzuye bagahita bishyurwa,<br>3. **Ku ideni ry'abasenyewe amazu ntibabone ingurane**, yasobanuye ko bategereje raporo y'umugenagaciro ko namara gutanga iyi raporo bazahamagara abo bireba bakagezwaho agaciro k'ibyangijwe kuri buri muntu yabishima hagategurwa uburyo bwo kwishyurwa kandi ko adashimye agaciro kagenwe yemerewe kujurira.<br>4. **Ku ideni ry'inyubako z'utugali** na Poste de Sante yasobanuye ko baba bitonze hakabanza gukorwa ubugenzuzi mu tugari no mu mirenge yubakishije poste de sante bamenye uko ikibazo giteye.<br>**5. Ku ideni ry'abambuwe na Rwiyemezamirimo wubatse isoko ry'akarere** basabwe ko bazegera ubuyobozi bw'akarere bagakurikiranirwa ibibazo byabo uko biteye kuko ari ibibazo byihariye, yashimangiye ibyo avuga, asaba abishyuza kurangwa n'idangagaciro y'ubunyangamugayo. Ibiganiro byasoje i saa saba (13h00') Abaje mu biganiro basangira ifunguro. |

| | Resolutions/ Ibyemezo byafashwe | Next Steps/ Ibigomba gukorwa | Responsible/ Ubishinzwe | Time/ Igihe |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Abafitiwe ideni ku nyubako y'Amashuli n'inzu ya mwalimu ndetse nabambuwe n'ikigo cy'amashuri cya Mutenderi, dosiye zabo zigiye kwigwaho abujuje dosiye neza n'ubunyangamugayo bahite bishyurwa hagendewe ku mabwiriza bahawe na MINEDUC kandi ko uzagaragaraho uburiganya azakurikiranwa n'inzego zibishinzwe. | 1.Abafitiwe amadeni bagomba kwegeranya ibyangombwa bisabwa. | Rwiyemezamirimo. | Mu gihe cy'ibyumweru bibiri kugeza 20/9/2016 |
| | | Akarere (FINANCE) kagomba kureba ko ibyangombwa bazanye byuzuye ubyujuje agahita yishyurwa. | Akarere (FINANCE) | Uwujuje ibyangombwa ahita yishyurwa. |

| Name, Signature of Champions / Amazina, Umukono bya Champions | |
|---|---|
| Private Sector/ Ku ruhande rw' Abikorera | Public Sector/ Ku ruhande rwa Leta |
| **KAZIMIRE Juvens,**<br>**Perezida wa PSF NGOMA**<br>P.S.F NGOMA DISTRICT | **RWIRIRIZA Jean Marie Vianey**<br>**Umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe ubukungu**<br>RWIRIRIZA J.M.V<br>VICE MAYOR<br>ECONOMIC AFFAIRS<br>NGOMA DISTRICT |

Attached: Participants List,